Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

**ITANGAZO RY'AKAZI Nº 001/CSM/2025**

Urukiko rw'Ikirenga ruramenyesha abantu bujuje ibisabwa kandi babyifuza ko, hari Imyanya (2) y'Abacamanza b'Urukiko Rwisumbuye, ipiganirwa.

Uwifuza gupiganira uwo mwanya, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari umunyarwanda;
2. Kuba afite nibura imyaka makumyabiri n'umwe (21) y'amavuko;
3. Kuba afite nibura impamyabumenyi y'icyiciro cya mbere cya Kaminuza (Ao) mu by'amategeko (Bachelor's Degree in law);
4. Kuba afite impamyabushobozi y'ishuri ryemewe na Leta ryigisha umwuga mu by'amategeko
5. Kuba yarakoze mu mirimo ijyanye n'iby'amategeko nibura mu gihe cy'imyaka itandatu (6) ;
6. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mboneragihugu n'ubwa politiki;
7. Kuba atarigeze ahanishwa igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu cyabaye ndakuka;
8. Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icy'ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano nayo;
9. Kuba atarangwa n'amacakubiri ayo ariyo yose;
10. Kuba atarigeze yirukanwa mu mirimo yakoze uretse igihe bigaragaye ko yarenganye byemejwe n'urukiko;
11. Kuba atarataye umurimo cyangwa ataranze kuwugarukaho mu gihe yari yarahagaritswe by'igihe gito cyangwa atarawugarutseho igihe yari abisabwe;
12. Kuba atagaragara ku rutonde rw'ababujijwe kuba abakozi ba Leta.

**Dosiye y'umukandida igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba akazi yandikiwe Nyakubahwa Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza;
2. Umwirondoro (CV) ;
3. Kopi y'impamyabumenyi isabwa ;
4. Kopi y'impamyabushobozi y'ishuri ryemewe na Leta ryigisha umwuga mu by'amategeko;
5. Kopi y'indangamuntu cyangwa ikiyisimbura;
6. Ibyemezo by'imirimo yakoze igaragaza uburambe mu bijyanye n'amategeko .

Dosiye yoherezwa inshuro imwe kuri *email*: **job@judiciary.gov.rw** y'Ubunyamabanga Rusange bw'Urukiko rw'Ikirenga, irimo inyandiko zose zisabwa kandi ziri muri PDF. Ahanditse impamvu (subject) niho hagaragazwa umwanya usabwa.

Kwakira dosiye, bizakorwa kugeza ku itariki ya **03/06/2025** saa kumi n'imwe (5pm).

Bikorewe i Kigali, ku wa 12/05/2025.

URUKIKO RW'IKIRENGA

**YANKURIJE Dorothée**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Inama Nkuru y'Ubucamanza**